

IMINSI IBURA YO GUTANGIRA AMASHURI Y'INCUIKE

Kwimukira mu mashuri y'incuike ku miryango ivuga indimi zitandukanye n'iy'abanyamahanga



Umwana wawe atangiye urugendo rushya rw'amashuri nyirizina. Iyo abana batangiye amashuri y'incuike, bishobora kugora ababyeyi. Jefferson County Public Schools (JCPS) ikaba ifite [ibikoresho](#) byo gufasha imiryango y'abanyamahanga n'ivuga indimi zitandukanye igeze muri iki gihe.

Ushobora [gusaba umusemuzi](#) igihe uvugana n'umukozi wa JCPS.

Ukeneye ubufasha wakoresha 'ikarita I Speak Card'. Yitwaze uyereke umukozi w'ishuri. Ushobora kuyicapa ku rupapuro cyangwa ukayifotora na telephone yawe.



Nusaba umusemuzi, umukozi w'ishuri azabahuza kuri telefoni cyangwa muri porogaramu. Ugomba gutegereza mu gihe umukozi ari gushaka serivisi y'indimi.

Porogaramu

- Niba mu rugo muvuga izindi ndimi mu rugo, umwana wawe ashobora kuzemererwa serivisi zo kwiga icyongereza. Wasaba isuzuma mu mezi atandatu mbere y'itangira ry'amashuri y'incuike. Niba ukeneye ubufasha hamagara ishami rishinzwe [icyongereza nk'ururimi rwa kabiri \(ESL\)](#) kuri 502-485-3623.
- Umwana wawe ashobora kwitabira Camp Ready4K. Iyi porogaramu y'igihe cy'impeshyi ya JCPS ifasha imiryango n'abana kwitegura kwimukira mu mashuri y'incuike. Abana bashobora kwiga ubumenyi bushya, gukorana n'abandi bana no kwimenyereza ubuzima bwo ku ishuri bwa buri muni. Kwiyandikisha bitangira mu ntangiriro y'urugaryi. Ukeneye andi makuru, wahamagara (502) 313-4357 cyangwa ukandikira ubutumwa:jcps.help@jefferson.kyschools.us.

Ibisabwa bijyanye n'ubuzima

Hari ibyo leta ya Kentucky [isaba bijyanye n'ubuzima](#) ku bana batangira ishuri. Umwana wawe agomba gutanga ibyemezo by'ibizami by'umubiri n'inkingo. Sura [Family Health Centers](#) [Ikigo cyita ku buzima bw'umuryango] ubone abatanga serivisi, serivisi n'amakuru mu rurimi wifuza.



Ibisabwa byo kwiyandikisha

Kugira ngo wiyandikishe ku ishuri, ugomba kuzana ibyangombwa bigaragaza ko uri umurezi n'aho utuye. **Imiryango ishobora kwandikisha abana bayo hatitawe ku miterere y'ubwimukira.**

Ubwoko bw'icyangombwa	Icyangombwa cyemewe
Icyemezo cyo kuvuka k'umwana	Icyemezo cy'amavuko, pasiporo, cyangwa Ifishi-94
Icyemezo cy'aderesi y'umuryango	Amasezerano y'ubukode cyangwa fagitire y'igikorwa rusange aya vuba
Icyangombwa kiranga umubyeyi cyangwa umurezi	Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga cyangwa ikarita yatanze n'ambasade muri Amerika cyangwa igihugu wahozemo

- Niba udafite ibyangombwa byose, JCPS ntizabura kwakira umunyeshuri wawe. Ariko uzasabwa kubitanga bidatinze.
- Niba umuntu mukuru arera abana ntaho byanditse mu mategeko, ashobora gukoresha ifishi y'ububasha bw'umwavoka cyangwa icyemezo cy'umurezi.
- Wakwandikisha abana bawe mu mashuri nubwo waba udafite aho uba hahamye, hahoraho. Ukeneye ubufasha wahamagara ibiro bifasha kumenya no kugera ku mahirwe bya JCPS kuri (502) 485-3650.